**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Ubuyobozi Bukuru bw' Ingabo z'u Rwanda**
**Ishami rishinzwe Abakozi (JI Department)**
**P O BOX 85 KIGALI**

# ITANGAZO RYIHARIYE KU BIFUZA KWINJIRA MU NGABO Z'U RWANDA MU ISHAMI RY' UBUVUZI

1. Ubuyobozi bw'Ingabo z'u Rwanda buramenyesha Abanyarwanda bose bifuza kwinjira mu ngabo z'u Rwanda ku rwego rwa Ofisiye mu ishami ry' Ubuvuzi ko kwiyandikisha bizatangira tariki ya **2 Nyakanga** kugeza ku ya **7 Nyakanga 2024.**

2. Abahamagawe ni abo ku rwego rwa Ofisiye baziga mu Ishuri Rikuru rya Gisirikare (Rwanda Military Academy-Gako) bakazarangiza amasomo bafite **impamyabumenyi y'icyiciro cya kabiri cya kaminuza (Bachelor's Degree) mu mashami y'ubuvuzi avugwa muri iri tangazo.**

3. Ibisabwa kugira ngo wemererwe n'ibi bikurikira:
   a. Mu ishami rya General Medicine, amanota asabwa, ni A-B mu mashami ya PCB, BCG na MCB.
   b. Muyandi mashami, abiyandikisha barasabwa kuba barabonye amanota C-D mu mashami ya PCB, BCG, MCB. Ayo mashami ni aya akurikira:
      (1) Ubuforomo (Nursing).
      (2) Abakoresha radio zipima kwa muganga (Radiology Technologists).
      (3) Abakora laboratwari zo kwamuganga (Laboratory Technicians).
      (4) Abatera ikinya kwamuganga (Non Physician Anaesthetists).

4. Abiyandikisha ni abasore n'inkumi bujuje ibi bikurikira:
   a. Kuba uri Umunyarwanda.
   b. Ufite ubushake.
   c. Ufite ubuzima buzira umuze.
   d. Utarakatiwe n'inkiko.
   e. Uri Inyangamugayo.
   f. No gutsinda ibizamini bizatangwa.
   g. Kuba ufite imyaka iri hagati ya 18 na 21.

5. Abiyandikisha basabwa kwitwaza ibi bikurikira:
   a. Indangamuntu.
   b. Icyemezo cy'amashuri wize kiriho umukono wa noteri.
   c. Icyemezo cy' ubudakemwa mu mico no mu myifatire gitangwa n'ubuyobozi bw'umurenge.
   d. Icyemezo cyo kuba utarakatiwe n'inkiko.

6. Kwiyandikisha bizabera aha hakurikira, ari naho abiyandikishije bazakorera ibizamini by'ijonjora kuwa **12 Nyakanga 2024** saa mbiri za mu gitondo:
   a. Ku karere ka Musanze, ibizamini bikabera kuri Sitade Ubworoherane.

b. Ku karere ka Kicukiro, ibizamini bikabera kuri Sitade ya IPRC Kicukiro.
c. Ku karere ka Nyanza, ibizamini bikabera kuri Sitade i Nyanza.
d. Ku karere ka Kayonzao, ibizamini bikabera kubiro by'akarere.
e. Ku karere ka Rusizi, ibizamini bikabera kuri stade Kamembe.
f. Ku karere ka Karongi ibizamini bikabera ku biro by'akarere.
g. Ku karere ka Nyabihu, ibizamini bikabera mu kigo cya gisirikare Mukamira.

7. Ababyifuza bashobora no kwiyandikisha kuri https://jr.minadef.gov.rw

8. **Abujuje ibisabwa batabonye umwanya wo kwiyandikisha kumatariki yagenwe, ntibibabuza kuza kumunsi w'ikizamini**.

9. Iri tangazo kandi mushobora kurisoma ku rubuga rwa Minisiteri y'lngabo www.mod.gov.rw.

Bikorewe Kigali, tariki ya 30 Kamena 2024

**Lambert SENDEGEYA**
Colonel
Umuyobozi Mukuru Ushinzwe
Abakozi mu Ngabo z'Igihugu (RDF)